Amategeko ababyeyi bagushyiriraho

Ifashishe uru rupapuro rw'imyitozo, maze utekereze neza ku itegeko rikugora ababyeyi bawe bagushyiriyeho. Ushobora no kurwifashisha kugira ngo uganire n'ababyeyi bawe.



ITEGEKO NI IKI?

Andika itegeko rikugora kubahiriza.

Kuki wanga iryo tegeko?

Ese hari bimwe mu bigize iryo tegeko *ushobora* kwemeranya na bo?

Utekereza ko ari iki cyatumye ababyeyi bawe barishyiraho?

Ese ubona hari icyo ababyeyi bawe birengagije igihe bashyiragaho iryo tegeko? Niba gihari, ni ikihe?

www.jw.org © 2016 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

Wumva iryo tegeko ryahindurwaho iki?

_____

_____

_____

Uramutse usabye ababyeyi bawe kugira icyo bahindura kuri iryo tegeko, utekereza ko bagusubiza iki?

☐ “Ntibishoboka!”

☐ “Birashoboka.”

☐ “Nta kibazo.”

Kuki bagusubiza batyo?

_____

_____

_____

Wumva wakora iki ngo ubamare impungenge, kabone niyo hashira igihe? (Igisubizo: ibikorwa biruta amagambo)

_____

_____

_____

Utekereza ko ari iki gihangayikishije ababyeyi bawe?

_____

_____

_____

Tekereza uri umubyeyi ufite umwana w’ingimbi cyangwa umwangavu. Ese wamushyiriraho itegeko nk’iryo bagushyiriraho? Niba wabikora, ni irihe wamushyiriraho kandi kuki?

_____

_____

_____

www.jw.org © 2016 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

ICYIZERE ABABYEYI BAWE BAMAZE KUKUGIRIRA

Kugirirwa icyizere biraharanirwa. Vuga ibintu wakoze bishobora kuba *byaragabanyije* icyizere ababyeyi bawe bari bagufitiye.

Vuga ibyo wakoze kugira ngo ababyeyi bawe *bakugirire* icyizere.

www.jw.org © 2016 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

Reka icyizere tukigereranye n'umwenda ubereyemo banki. Iyo wishyura neza banki irushaho kukugirira icyizere. None se hari icyo wakoze ku buryo ababyeyi bawe bakugirira icyizere?

Niba wumva byaba byiza ubanje gutegereza, waba ukora iki kugira ngo bakugirire icyizere?

INAMA: Numara kuzuza kuri uru rupapuro uruganireho n'ababyeyi bawe.

Nuganira n'ababyeyi bawe uzibuke amagambo ari muri Bibiliya agira ati "gusubizanya ineza bihosha uburakari, ariko ijambo ribabaza ribyutsa umujinya."—Imigani 15:1.

ESE WARI UBIZI? Nanone, uyu mwitozo wagufasha kuganira n'umukoresha wawe ku mategeko ashobora kuba yarashyizeho mu kazi.

"Kumvira ababyeyi ni nko kwishyura umwenda wa banki. Iyo ugiye uwishyurira igihe, banki irushaho kukugirira icyizere."—Byavuye mu gitabo *Ibibazo urubyiruko rwibaza n'ibisubizo byabyo,* Umubumbe wa 2.

www.jw.org © 2016 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania